REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE NYANZA

Nyanza, le 27 juin 1962.

ASTRIDA
6550

Kuli Bwana Bourgmestre KAJEGUHAKWA
i
S H A L I.

Ndakuramutsa,

Nkurikije inzandiko zanjye n° 107/B6-SH na 1147/B6-SH. zabakaga raporo y'abantu bavuye mu byabo bataragaruka, n'ababigarutsemo:(abagabo, abagore,abahungu n'abakobwa) n'umubare w'abashonji, ndakumenyesha ko kugeza ubu iyo raporo itarangeraho. Utegetswe rwose kwohereza iyo raporo ejo mbere ya ~~xx~~ saa mbili mu gitondo kuko Bwana Commissaire w'Abavuye mu byabo ayishaka mbere y'iyo saha akazayijyana i Kigali.

Nongeye kugusubiriramo uzayohereze utya:

a/ Umubare w'abavuye mu byabo bataragaruka:
    Abagabo, abagore , abahungu n'abakobwa.

b/ Abali baravuye mu byabo bagarutse:
    abagabo, abagore , abahungu, abakobwa.

c/ Umubare w'abashonji badafite ikibakijije na gito.

Le Préfet,
SHAMUKIGA.

p.o. [signature]